# UBUSHINJACYAHA BUKURU

# IBIKORWA BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2021 - 2022

**KANAMA 2022**

**IBIRIMO**


0. INTANGIRIRO .......... 2
1. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU: .......... 4
2. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2021-2022: .......... 5
3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2021 KUGEZA KAMENA 2022 .......... 6
3.1. INTEGO Z'INGENZI (PRIORITY TARGETS) ZARI ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2021-2022 .......... 6
3.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2021-2022 .......... 7
3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2021-2022: .......... 7
3.2.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO .......... 16
3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO IBYAHA MPUZAMAHANGA BYAKOZWE MURI GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1994 BAHUNGIYE HANZE Y'U RWANDA .......... 17
3.2.4. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU N'IMARI BY'IGIHUGU .......... 22
3.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE: .......... 25
3.2.6. IBYAGEZWEHO MU KUNOZA SERIVISE ZIHABWA ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO ABANTU BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO .......... 31
3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA .......... 31
3.2.8. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2021-2022 : .......... 33
3.3. IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2021 KUGEZA MURI KAMENA 2022 .......... 34
3.3.1. IBYAGEZWEHO MU BIRO BY'UMUSHINJACYAHA MUKURU .......... 34
3.3.2. IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N'ABATURAGE NDETSE N'ITANGAZAMAKURU MU RWEGO RWO KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA NO GUKUMIRA IBYAHA .......... 36
3.3.3. IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU .......... 36
3.3.4. IBYAGEZWEHO MU KWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU .......... 38
3.3.5. AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA .......... 39
4. IMIHIGO YA 2022-2023 .......... 40
5. UMWANZURO .......... 42

## 0. INTANGIRIRO

Buri gihembwe ndetse na buri mwaka, Ubushinjacyaha Bukuru butanga raporo y'ibikorwa bwagezeho nk'uko biteganywa n'ingingo ya 25 y'Itegeko Nº 014/2018 ryo kuwa 04/04/2018, rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

Ni muri urwo rwego iyi raporo ya 2021-2022 igaragaza intego z'ingenzi zikubiye mu Mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, n'ibikorwa by'ingenzi bwagezeho hashingiwe ku nshingano n'ububasha buhabwa n'Itegeko ryavuzwe haruguru, mu ngingo zaryo za 3, 20 (cyane cyane agace kayo ka mbere k' iryo Itegeko) n'iya 28.

**Inshingano z'Ubushinjacyaha Bukuru:**

Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru rufite inshingano rusange yo gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mu Gihugu hose. By'umwihariko, Ubushinjacyaha Bukuru bushinzwe ibi bikurikira:

1° gukora iperereza ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda no gushakisha ababigizemo uruhare;

2° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi;

3° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu;

4° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibikorerwa abana n'ibikorerwa umuryango;

5° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha byerekeye imikoreshereze itemewe y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo;

6° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside, ibyaha byo guhakana no gupfobya Jenoside n'ibindi bifitanye isano nayo n'ibyaha by'ivangura no gukurura amacakubiri;

7° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ikoranabuhanga;

8° gukora ubushakashatsi ku byaha bisanzwe no ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda;

9° gutanga no kubika inyandiko zerekana abahamwe n'ibyaha;

10° kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya.

**Ubushinjacyaha Bukuru kandi bufite ububasha bwo:**

1° gukora iperereza ku byaha bikurikiranwa no kuyobora iperereza rikorwa n'Abagenzacyaha;
2° gushinja no kuburana imanza z'inshinjabyaha mu Nkiko;
3° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;
4° gufatanya n'izindi nzego z'ubutabera, zaba izo mu Rwanda cyangwa iz'ibindi bihugu, mu bikorwa byo gukurikirana abanyabyaha, kurwanya ubugizi bwa nabi no kurengera abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya hakurikijwe amategeko abigenga;
5° gukora indi mirimo iteganywa n'amategeko.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka mbere (1°); iyi raporo irerekana neza amadosiye Ubugenzacyaha bwashyikirije Ubushinjacyaha kugira ngo buyafatire imyanzuro, n'ibyemezo bitandukanye bwayafatiye nyuma yo kuyasesengura.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka kabiri (2°), raporo iragaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza z'amadosiye bwaregeye Inkiko n'uko bwagiye butera imbere mu gutsinda izo manza.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka gatatu (3°), hashyizweho amabwiriza ngengamikorere agamije kunoza serivise Ubushinjacyaha buha abaturage.

Ku bubasha bwo gufatanya n'ibindi bihugu mu rwego rwo kurwanya ubugizi bwa nabi, iyi raporo iragaragaza ingano y'inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu Bihugu abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo, abafashwe, abagaruwe kuburanishirizwa mu Rwanda n'ababuranishijwe bakanakatirwa n'Inkiko z'Ibihugu bafatiwemo ndetse igaragaza kandi n'indi mikoranire muri uru rwego.

Ubushinjacyaha Bukuru burashima ubufatanye n'izindi nzego za Leta n'iz'abaterankunga zabufashije kugira ngo bugere ku musaruro ugaragazwa muri iyi raporo.

## 1. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU:

| Nº | ICYO BAKORA | Abagabo | | Abagore | | Bose |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Umubare | Ijanisha | Umubare | Ijanisha | |
| 1. | Abayobozi Bakuru (Top Managers) | 3 | 75% | 1 | 25% | 4 |
| 2. | Abagenzuzi | 4 | 80% | 1 | 20% | 5 |
| 3. | Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu | 16 | 70% | 7 | 28% | 23 |
| 4. | Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye n'Abayobozi b'Amashami yihariye bari ku rwego rumwe | 10 | 67% | 5 | 33% | 15 |
| 5. | Abashinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye | 48 | 59% | 33 | 41% | 81 |
| 6. | Abashinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze | 28 | 47% | 32 | 53% | 60 |
| 7. | Abafasha b'Ubushinjacyaha | 27 | 36% | 47 | 64% | 74 |
| 8. | Abandi bakozi bunganira Ubushinjacyaha Bukuru (Supporting Staff) | 38 | 53% | 34 | 47% | 72 |
| | **Igiteranyo** | **174** | **52%** | **160** | **48%** | **334** |

★ **NB:**

- ✓ Nkuko bigaragara, ihame ry'uburinganire rirubahirizwa mu Bushinjacyaha Bukuru kuko ubu **48%** by'abakozi b'Ubushinjacyaha ari abagore mu gihe abagabo ari **52%.**

## 2. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2021-2022:

| Nº | Ibikorwa byakozwe | Ingengo y'imari Ubushinjacyaha bwakoresheje kuri buri gikorwa |
|---|---|---|
| 1 | Gukurikirana abakekwaho gukora ibyaha | 3,408,282,581 |
| 2 | Gushakisha abakekwaho gukora jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bahunze Igihugu | 799,494,483 |
| 3 | Gukurikirana abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu | 375,859,342 |
| 4 | Kugenzura amadosiye akorwa n'Abashinjacyaha | 270,587,265 |
| 5 | Gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya | 176,775,065 |
| 6 | Gufatanya n'ibindi bihugu mu kurwanya ibyaha | 226,862,899 |
| 7 | Gushyira mu bikorwa Umushinga ugamije kunoza Serivize zitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru (Smart NPPA Project) | 79,601,254 |
| 8 | Ibindi bikorwa byakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru | 1,197,774,817 |
| **Igiteranyo** | | **6,535,237,706** |

***NB:*** *Mu mwaka wa 2021-2022, Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwagenewe ingengo y'imari ingana na* ***6,582,288,656 Frw*** *bukoreshamo* ***6,535,237,706 Frw*** *ni ukuvuga* ***99.2%,*** *hakaba harasigaye* ***47,050,950 Frw*** *atarakoreshejwe kubera ingaruka za covid -19 zadindije bimwe mu bikorwa byari byateguwe.*

## 3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2021 KUGEZA KAMENA 2022

### 3.1. INTEGO Z'INGENZI (PRIORITY TARGETS) ZARI ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2021-2022

Mu mwaka wa 2021-2022, Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku bubasha n'inshingano buhabwa n'Itegeko, buhereye kandi ku bikorwa bikubiye mu Igenamigambi ry'igihe kirekire (2018-2024) ndetse n'ibipimo by'ingenzi bishingirwaho mu gupima ingano n'ubwiza by'akazi, bwari bwihaye intego 6 (targets) zikurikira:

i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99% no kugabanya ijanisha ry'amadosiye aregerwa Inkiko akagera nibura kuri 58%;

ii. Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye Inkiko kikagera nibura kuri 94%;

iii. Mu rwego rwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu, Ubushinjacyaha bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 300;

iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2019-2020 agakorwa ku kigero cya 100%, naho andi masiye agakorwa nibura ku kigero cya 99%;

v. Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye, hongerwa ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza bwaregeye Inkiko, kikagera nibura kuri 85%;

vi. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99%.

vii. Kunoza serivise zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificates), kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate)

## 3.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2021-2022

i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99% no kugabanya ijanisha ry'amadosiye aregerwa Inkiko akagera nibura kuri 58%; **(Reba umuhigo wa mbere (1°).**

### 3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2021-2022:


| Urwego rw'Ubushinjacyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Amadosiye yafatiwe umwanzuro | | | Ayasigaye mu mpera za Kamena 2021 | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | Ayaregewe inkiko | Ayashyinguwe | Ayakozwe yose | | |
| Urwego rw'Ibanze | 54,083 | 9,380 | 57,839 | 67,219 | 26,748 | 27,129 | 53,877 | 206 | 99.6 |
| Urwego Rwisumbuye | 29,238 | 5,856 | 33,422 | 39,278 | 16,881 | 12,074 | 28,955 | 283 | 99.0 |
| Urwego rw'Igihugu | 28 | 16 | 41 | 57 | 16 | 8 | 24 | 4 | 85.7 |
| **Igiteranyo** | **83,349** | **15,252** | **91,302** | **106,554** | **43,645** | **39,211** | **82,856** | **493** | **99.4** |

- ***N.B.*** *Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, umuhigo wo kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye, Ubushinjacyaha Bukuru bwawugezeho ku kigero cy'100%, kuko bwari bwahize gukora nibura* ***99%*** *bukora* ***99.4%*** *ndetse bunagabanya ijanisha ry'amadosiye aregerwa Inkiko agera kuri* ***52.6%*** *mu gihe amadosiye Ubushinjacyaha bushyingura yiyongereye agera kuri* ***47.4%.***

**Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro mu myaka Irindwi ishize (Nyakanga 2015 – Kamena 2022):**

| Umwaka | Amadosiye yinjiye | Amadosiye yakozwe | % ayakozwe/ ayinjiye |
|---|---|---|---|
| 2015-2016 | 25,453 | 35,190 | 99.34 |
| 2016-2017 | 35,509 | 42,622 | 99.1 |
| 2017-2018 | 43,226 | 43,226 | 98,60 |
| 2018-2019 | 45,444 | 45,267 | 99.6 |
| 2019-2020 | 53,959 | 53,657 | 99.4 |
| 2020-2021 | 67,512 | 67,285 | 99.7 |
| 2021-2022 | 83,349 | 82,856 | 99.4 |

**Uko amadosiye yinjira mu Bushinjacyaha Bukuru yagiye yiyongera kuva Nyakanga 2015 kugeza Kamena 2022:**




- ✓ ***N.B:***
  - ★ *Nk'uko bigaragara, Ubushinjacyaha Bukuru guhera mu mwaka wa 2015-2016, amadosiye bwakira yikubye inshuro zirenga 3, kuko yavuye ku 25,453 muri 2015-2016 agera kuri* ***83,349*** *muri 2021-2022. Uku kwiyongera kugira ingaruka ku bwiza (quality) bw'amadosiye akorwa kuko n'ubwo yiyongereye cyane ariko abakozi bo muri iki gihe ntibiyongereye ku muvuduko ungana.*

*Uku kwiyongera kwarenze uko Ubushinjacyaha Bukuru bwabiteganyaga. Ubugenzuzi bw' Ubushinjacyaha Bukuru bukaba busanga byaratewe:*

- *RIB yari iri kurangiza ibirarane by'amadosiye yari amaze imyaka irenze umwe kandi yose akoherezwa mu Bushinjacyaha Bukuru;*

- *Uku kwiyongera gukabije kwaturutse ku ivugururwa ry'Itegeko ry'Abunzi, kuko hari ibyaha 13*[1] *byari mu bubasha bw'Abunzi byagaruwe mu bubasha bw'Ubushinjacyaha Bukuru.*
- *Umubare w'abakora ibyaha wiyongereye kimwe n'ibyaha bishya bigenda bivuka.*

*Tugereranyije* ***2021-2022*** *aho twakiriye amadosiye* ***83,349*** *n'umwaka ushize wa* ***2020-2021,*** *aho twakiriye amadosiye* ***67,512*** *usanga yariyongereyeho* ***15,837*** *angana na* ***19%.*** *Iyo usesenguye neza usanga iyi nyongera yaraturutse ku kwiyongera kw'ibyaha bibiri ari byo* ***gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'Ubujura****, kuko usanga ibi byaha ari byo biza ku isonga mu kugira amadosiye menshi aho byonyine bigize* ***55.8%*** *by'amadosiye yose yinjiye, kandi uyu mwaka bikaba byariyongereye cyane hafi kwikuba kabiri tugereranyije n'umwaka ushize wa 2020-2021.*

**AMADOSIYE YAREGEWE INKIKO, ABAYAKURIKIRANYWEMO BAFUNZE N'ABATARI BAFUNZE KURI BURI RWEGO MU MWAKA WA 2021-2022**


| Ubushinjacyaha | Amadosiye yaregewe Inkiko | Abayakurikiranywemo bose | Abakurikiranywe bafunze | | Abakurikiranywe badafunze | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Umubare | % | Umubare | % |
| Urwego rw'Ibanze | 26,746 | 35,718 | 14,300 | 40 | 21,418 | 60.0 |
| Urwego Rwisumbuye | 16,903 | 23,883 | 11,918 | 49.9 | 11,965 | 50.1 |
| Urwego rw'Igihugu | 16 | 57 | 48 | 84.2 | 9 | 15.8 |
| **Igiteranyo** | **43,645** | **59,658** | **26,266** | **44** | **33,392** | **56.0** |

**AMADOSIYE YAREGEWE INKIKO N'ABAYAKURIKIRANYWEMO MURI RUSANGE MU MYAKA 4 (Nyakanga 2018 – Kamena 2022):**

| Umwaka | Amadosiye yaregewe Inkiko | Abayakurikiranywemo bose | Abakurikiranywe bafunze | | Abakurikiranywe badafunze | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Umubare | % | Umubare | % |
| 2018-2019 | 32,392 | 43,983 | 30,154 | 68.6 | 13,829 | 31.4 |
| 2019-2020 | 37,393 | 51,309 | 32,012 | 62.4 | 19,297 | 37.6 |
| 2020-2021 | 40,426 | 56,216 | 27,003 | 48 | 29,213 | 52.0 |
| 2021-2022 | 43,645 | 59,658 | 26,266 | 44 | 33,392 | 56.0 |

[1] **Ibyo byaha 13 byavanywe mu bubasha bw'Abunzi ni:** Ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho, Ubuhemu, Kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by"ubuhinzi n'ubworozi, Gusenya cyangwa konona inyubako utari nyira zo, Guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, Gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica, Gusebanya mu ruhame, Gutukana mu ruhame, Gukuraho, Kwimura imbibe, Kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye, Gukangisha gusebanya, Gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe no Guhutaza undi byoroshye ubikoranye ubushake.

**UKO IJANISHA RY'ABAKURIKIRANWA BAFUNZE RYAGIYE RIGABANUKA MU MYAKA 4 (NYAKANGA 2018 – KAMENA 2022):**





***Note:*** *Muri rusange mu myaka ine ishize, kuwa Nyakanga 2018 kugera Kamena 2022, n'ubwo umubare w'amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru buregera Inkiko wagiye wiyongera bitewe no kwiyongera gukabije kw'amadosiye bwakira, bwagabanyije umubare w'abantu bukurikirana mu Nkiko bafunze, kuko bavuye ku* ***30,154*** *mu mwaka wa 2018-2019 bagera ku* ***26,266*** *umwaka ushize wa 2021-2022, uko uyu mubare wagiye ugabanuka ni nako n'ijanisha ryagiye rigabanuka cyane, kuko bavuye kuri* ***68.6%*** *mu mwaka wa 2018-2019 bagera kuri* ***44%*** *umwaka ushize wa 2021-2022.*

*Uko umubare w'abakurikiranwa bafunze wagendaga ugabanuka, ni nako abo Ubushinjacyaha bukurikirana badafunze bagiye biyongera kuko bavuye ku* ***13,829*** *mu mwaka wa 2018-2019 bagera ku* ***33,392*** *umwaka ushize wa 2021-2022, n'ijanisha ry'abakurikiranwa mu Nkiko badafunze ryariyongereye cyane riva kuri* ***31.4%*** *mu mwaka wa 2018-2019 bagera kuri* ***56%*** *umwaka ushize wa 2021-2022.*

**ICYICIRO CY'IMYAKA Y'ABAKURIKIRANYWE MU MADOSIYE YAKIRIWE MU MWAKA WA 2021-2022:**

| Umwaka w'amavuko | Icyiciro cy'imyaka | Umubare w'abakurikiranywe | Ijanisha (%) |
|---|---|---|---|
| 2008-2005 | Hagati y'imyaka 14 na 17 | 6,475 | 8.2 |
| 2004-1992 | Hagati y'imyaka 18 na 30 | 51,032 | 64.7 |
| 1991-1982 | Hagati y'imyaka 31 na 40 | 17,147 | 21.7 |
| 1981-1972 | Hagati y'imyaka 41 na 50 | 3,147 | 4.0 |
| 1971-1962 | Hagati y'imyaka 51 na 60 | 694 | 0.9 |
| 1961-1952 | Hagati y'imyaka 61 na 70 | 274 | 0.3 |
| 1950 kumanura | Imyaka 71 gusubira hejuru | 99 | 0.1 |
| **IGITERANYO** | | **78,868** | **100** |




**IMBONERAHAMWE IGARAGAZA UKO AMADOSIYE YAGIYE YIYONGERA HAKURIKIJWE INTARA N'UMUJYI WA KIGALI:**

| Intara/Umujyi wa Kigali | Amadosiye yinjiye | | | |
|---|---|---|---|---|
| | **2020-2021** | **2021-2022** | **Ijanisha % (Tugereranyije 2021-22 na 2020-21)** | **Uko yiyongereye ku ijana** |
| Umujyi wa Kigali | 16,564 | 21,908 | 132% | 32% |
| Intara y'Iburasirazuba | 16,739 | 18,898 | 113% | 13% |
| Intara y'Amajyepfo | 14,834 | 17,204 | 116% | 16% |
| Intara y'Iburengerazuba | 10,546 | 12,563 | 119% | 19% |
| Intara y'Amajyaruguru | 8,829 | 9,883 | 112% | 12% |
| Unspecified | 0 | 2,893 | 0 | |
| **Igiteranyo** | **67,512** | **83,349** | **123%** | **23%** |

- ★ *Inzego z'Ubushinjacyaha ziherereye mu Mujyi wa Kigali nizo zagaragayemo ukwiyongera cyane kw'amadosiye yinjira, akaba yariyongereye ku kigero cya* ***32%*** *tugereranyije n'umwaka ushize wa 2020-2021.*

**UKO UTURERE TWAKURIKIRANYE MU KUGARAGARAMO IBYAHA BYINSHI:**

| No | Akarere | Umubare wa dosiye zinjiye |
|---|---|---|
| 1 | Gasabo | 9,505 |
| 2 | Kicukiro | 6,238 |
| 3 | Nyarugenge | 6,224 |
| 4 | Nyagatare | 4,139 |
| 5 | Nyanza | 3,030 |
| 6 | Rwamagana | 2,982 |
| 7 | Rubavu | 2,738 |
| 8 | Bugesera | 2,693 |
| 9 | Kayonza | 2,672 |
| 10 | Kamonyi | 2,653 |
| 11 | Gatsibo | 2,643 |
| 12 | Musanze | 2,552 |
| 13 | Huye | 2,355 |
| 14 | Kirehe | 2,269 |
| 15 | Muhanga | 2,185 |
| 16 | Burera | 2,069 |
| 17 | Karongi | 2,020 |
| 18 | Rusizi | 1,992 |
| 19 | Rulindo | 1,886 |
| 20 | Nyamagabe | 1,823 |
| 21 | Gicumbi | 1,811 |
| 22 | Ruhango | 1,779 |
| 23 | Nyaruguru | 1,723 |
| 24 | Gisagara | 1,672 |
| 25 | Nyabihu | 1,649 |
| 26 | Rutsiro | 1,611 |
| 27 | Gakenke | 1,577 |
| 28 | Ngoma | 1,517 |
| 29 | Nyamasheke | 1,511 |
| 30 | Ngororero | 1,058 |
| 31 | Unspecified | 2773 |
| **IGITERANYO** | | **83,349** |

- ***Note:*** *Uturere twa* ***Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge nitwo*** *twagaragayemo amadosiye menshi mu gihe* ***Ngororero, Nyamasheke na Ngoma*** *aritwo twagaragayemo amadosiye make.*

**IMIRENGE 20 YA MBERE YAGARAGAYEMO IBYAHA BYINSHI:**

| | Umurenge | Umubare w'ibyaha |
|---|---|---|
| 1 | Remera | 1,422 |
| 2 | Nyarugenge | 1,251 |
| 3 | Kimironko | 1,190 |
| 4 | Kimisagara | 1,072 |
| 5 | Kinyinya | 991 |
| 6 | Gisozi | 967 |
| 7 | Rusororo | 859 |
| 8 | Kigarama | 818 |
| 9 | Nyarugunga | 786 |
| 10 | Kanombe | 780 |
| 11 | Busasamana | 762 |
| 12 | Gatenga | 760 |
| 13 | Gatsata | 733 |
| 14 | Kigali | 718 |
| 15 | Nyamirambo | 706 |
| 16 | Nyamata | 693 |
| 17 | Nyamabuye | 685 |
| 18 | Runda | 669 |
| 19 | Gisenyi | 660 |
| 20 | Jabana | 638 |

***Icyitonderwa:*** *Mu Mirenge **20** ya mbere yagaragayemo ibyaha byinshi, **15** iherereye mu mugi wa Kigali, **3** mu Majyepfo, **1** mu Burasirazuba, **1** mu Burengerazuba.*

**UTUGALI 20 TWAGARAGAYEMO IBYAHA BYINSHI MU MWAKA WA 2021-2022:**

| No | Akagali | Umubare w'ibyaha |
|---|---|---|
| 1 | Kiyovu/ Nyarugenge | 979 |
| 2 | Kimisagara/ Nyarugenge | 715 |
| 3 | Musezero/ Gasabo | 632 |
| 4 | Kagugu/ Gasabo | 558 |
| 5 | Bibare/ Gasabo | 505 |
| 6 | Kibagabaga/ Gasabo | 412 |
| 7 | Nyabugogo/ Nyarugenge | 410 |
| 8 | Nyabisindu/ Gasabo | 404 |
| 9 | Gahogo/ Muhanga | 401 |
| 10 | Kamashashi/ Kicukiro | 397 |
| 11 | Rukiri I/ Gasabo | 371 |
| 12 | Rukiri II/ Gasabo | 370 |
| 13 | Nyamabuye/ Muhanga | 343 |
| 14 | Ruhango/ Ruhango | 341 |
| 15 | Nyanza/Kicukiro | 338 |
| 16 | Nyamata y' Umujyi/ Bugesera | 334 |
| 17 | Ruyenzi/ Kamonyi | 319 |
| 18 | Nyanza/ Nyanza | 298 |
| 19 | Kicukiro/ Kicukiro | 295 |
| 20 | Nyagahinga/ Gasabo | 285 |

**IMIDUGUDU 10 YAGARAGAYEMO IBYAHA BYINSHI MU MWAKA WA 2021-2022:**

| No | Umudugudu | Umubare w'ibyaha |
|---|---|---|
| 1 | Inyarurembo/ Muhima/ Nyarugenge | 831 |
| 2 | Nyabugogo/ Nyarugenge/ Nyarugenge | 264 |
| 3 | Gisimenti/ Remera/ Gasabo | 228 |
| 4 | Amahoro/ Gisenyi/ Rubavu | 226 |
| 5 | Kicukiro/ Kicukiro/ Kicukiro | 190 |
| 6 | Akabeza/ Nyamirambo/ Nyarugenge | 178 |
| 7 | Kabeza/ Kanombe/ Kicukiro | 171 |
| 8 | Kagara/Remera/Gasabo | 161 |
| 9 | Inyamibwa/Kimihurura/ Gasabo | 154 |
| 10 | Nyakariba | 131 |

**IBYAHA 10 BYAJE KU ISONGA MU MADOSIYE UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAKIRIYE MU MWAKA WA 2021-2022:**

| No | Ibyaha | Umubare w'amadosiye yakiriwe | % Tugereranyije n'amadosiye yakiriwe ku byaha byose |
|---|---|---|---|
| 1 | Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake | 23,466 | 28.2 |
| 2 | Ubujura | 22,966 | 27.6 |
| 3 | Ibiyobyabwenge | 5,291 | 6.3 |
| 4 | Gukoresha ibikangisho | 5,055 | 6.1 |
| 5 | Gusambanya umwana | 4,651 | 5.6 |
| 6 | Icyaha cy'ubuhemu | 4,055 | 4.9 |
| 7 | Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | 3,630 | 4.4 |
| 8 | Kubabaza umubiri bidaturutse ku bushake | 2,993 | 3.6 |
| 9 | Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya | 2,681 | 3.2 |
| 10 | Kwangiza cyangwa konona ikintu cy'undi | 2,001 | 2.4 |
| **Igiteranyo cy'amadosiye y'ibyaha 10 gusa** | | **76,789** | **92.1** |
| **Igiteranyo cy'amadosiye yinjiye ku byaha byose** | | **83,349** | **100%** |

***NB:***

- *Nk'uko byagaragajwe haruguru, mu mwaka wa 2021-2022, Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye amadosiye **83,349** arimo ibyaha birenga **300**, muri ayo madosiye, ibyaha **10** gusa byihariyemo **76,789** ni ukuvuga **92.1%.***

- *Muri aya madosiye yose Ubushinjacyaha bwakiriye uko ari **83,349** ibyaha **2** byonyine (Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'Ubujura) byihariye **55.8%** by'amadosiye yose yinjiye ni ukuvuga amadosiye **46,432** iyi ikaba ariyo ntandaro yo kwiyongera gukabije kw'amadosiye, kuko tugereranyije n'umwaka ushize amadosiye y'ibi byaha yiyongeyeho **22.2%.***

- *Ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina **(GBV Crimes**[2]**)** byonyine byihariye **10%** by'amadosiye yinjiye, ibi byaha nabyo bikaba byiyongera cyane.*

[2] **GBV Crimes:** Gusambanya umwana, Guhoza ku nkeke uwo mwashyingiranye no gusambanya abakuru ku gahato.

### 3.2.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO

ii. Undi muhigo wari uwo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko, kikagera nibura kuri **94%; (Reba umuhigo wa kabiri (2°).**

Kuva Nyakanga 2021 kugera Kamena 2022, imanza **37,280** zaburanywe n'Ubushinjacyaha Bukuru mu Nkiko zarasomwe; muri zo ibihumbi **33,799** zingana na **90.7**% bwarazitsinze nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:


**Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko:**

| Urwego rw'Ubushinjacyaha | Imanza zasomwe | Abaziregwagamo | | | Izo Ubushinjacyaha bwatsinze | Izo Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero bwatsindiyeho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Urwego rw'Ibanze | 23,269 | 3,500 | 26,869 | 30,369 | 21,683 | 1,504 | 93.2% |
| Urwego Rwisumbuye | 13,980 | 2,740 | 17,240 | 19,980 | 12,094 | 1,886 | 86.5% |
| Urwego rw'Igihugu | 31 | 12 | 50 | 62 | 22 | 9 | 71.0% |
| **Igiteranyo** | **37,280** | **6,252** | **44,159** | **50,411** | **33,799** | **3,399** | **90.7%** |

✓ ***NB:***

*Uyu muhigo wo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko ntabwo bwawugezeho 100% nk'uko bwari bwahize. Hakaba harafashwe ingamba zo kuzamura conviction rate harimo:* ***gusesengura neza dosiye hakaregerwa gusa izifite ibimenyetso bihagije, guhugura Abashinjacyaha cyane cyane ku buryo bwo gukurikirana bakekwaho ibyaha by'inzaduka bikomeje kwiyongera, kwongera imbaraga mu kugenzura ubwiza bw'amadosiye akorwa n'Abashinjacyaha***.

**Uko ubushinjacyaha Bukuru bwagiye butsinda imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu myaka 8 ishize (Nyakanga 2014 - Kamena 2022):**




### 3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO IBYAHA MPUZAMAHANGA BYAKOZWE MURI GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1994 BAHUNGIYE HANZE Y'U RWANDA

iii. Undi muhigo wari uwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 bahunze Igihugu, Ubushinjacyaha bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura **300**, **(Reba umuhigo wa gatatu (3°).**


#### a) IGIKORWA CYO GUSHAKISHA AHO ABANTU BAKATIWE N'INKIKO GACACA BADAHARI BAHEREREYE (FUGITIVE MAPPING)

Nyuma y'uko Inkiko Gacaca zisoje imirimo yazo, Ubushinjacyaha bwahawe amadosiye **71,658** y'abakekwaho jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 bakatiwe n'Inkiko Gacaca badahari. Muri ayo madosiye hakozwemo amadosiye **924,** hasigara amadosiye **70,734.**

Ku itariki ya 17/08/2021 Ubushinjacyaha butewe inkunga n'Umushinga w'Abaholande bwakoze iperereza mu gihugu cyose kuri ayo madosiye, kugira ngo bumenye aho abo bantu **70,734** baherereye hanyuma amadosiye yabo abashe gukorwa.

Iperereza ryakozwe ryagaragaje ko muri ayo madosiye **70,734**, abantu **35,680** nibo bashoboye kubonerwa amakuru, hari abisubiyemo inshuro nyinshi kuri liste kandi bikabarwa nka dosiye, abandi ntibashobora kumenyekana.

Muri ibyo **35,680** habonetsemo abari hanze y'igihugu **21,950**, abidegembya mu gihugu batakoze ibihano ni **7,055** abapfuye ni **2,552**, abafungiye mu Magereza atandukanye yo mu gihugu ni **2,532** mu gihe abarangije ibihano **ari 1,591.**




**IBIHUGU ABA FUGITIVES 21,950 BAVUZWE HARUGURU BAHEREREYEMO:**

| Nº | IGIHUGU | UMUBARE WA FUGITIVES |
|---|---|---|
| 01 | RDC | 9 881 |
| 02 | UGANDA | 4 208 |
| 03 | BURUNDI | 2 528 |
| 04 | UNKNOWN COUNTRIES | 1 942 |
| 05 | TANZANIA | 1 563 |
| 06 | MALAWI | 581 |
| 07 | ABO AMAKURU AVUGA KO BARI MU BIHUGU BIRENZE KIMWE | 421 |
| 08 | KENYA | 164 |
| 09 | ZAMBIE | 134 |
| 10 | FRANCE | 92 |
| 11 | BELGIUM | 88 |
| 12 | CONGO BRAZZA | 84 |

| | | |
|---|---|---|
| 13 | USA | 60 |
| 14 | MOZAMBIQUE | 39 |
| 15 | SOUTH AFRICA | 38 |
| 16 | CAMEROUN | 19 |
| 17 | CENTRAL AFRICA | 18 |
| 18 | ENGLAND | 10 |
| 19 | ANGOLA | 10 |
| 20 | CANADA | 9 |
| 21 | EUROPE | 8 |
| 22 | ZIMBABWE | 7 |
| 23 | GERMANY | 5 |
| 24 | SENEGAL | 4 |
| 25 | GABON | 3 |
| 26 | ITALIE | 3 |
| 27 | AUSTRALIA | 3 |
| 28 | NORVEGE | 3 |
| 29 | GHANA | 2 |
| 30 | TUNISIA | 2 |
| 31 | TOGO | 2 |
| 32 | SUISSE | 2 |
| 33 | SUEDE | 2 |
| 34 | SUDAN | 2 |
| 35 | GUINEE | 1 |
| 36 | BOTSWANA | 1 |
| 37 | ETHIOPIA | 1 |
| 38 | MALI | 1 |
| 39 | AUTRICHE | 1 |
| 40 | RUSSIA | 1 |
| 41 | SWAZILAND | 1 |
| 42 | SOUTH SUDAN | 1 |
| 43 | OMAN | 1 |
| 44 | LIBYA | 1 |
| 45 | DANEMARK | 1 |
| 46 | CHINE | 1 |
| 47 | BENIN | 1 |
| **TOTAL** | | **21 950** |

**b) Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakozwemo iperereza:**

| Amadosiye yakorewe iperereza | Amadosiye yarangirijwe iperereza | Amadosiye atarangirijwe iperereza | Amadosiye wafatiwe umwanzuro wo koherezwa ahandi |
|---|---|---|---|
| 660 | 658 | 2 | 530 |

***Note:*** *Muri rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwafatiye umwanzuro amadosiye* ***532*** *mu gihe bwari bwihaye intego yo gufatira umwanzuro amadosiye* ***300****, ibi bivuze ko uyu muhigo wahiguwe ku kigero cya* ***100%.***

**c) Inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo:**

Muri uyu mwaka hakozwe inyandiko itanga ikirego imwe yoherejwe muri Zimbabwe. Uyu mwaka imbaraga nyinshi zashyizwe mu gikorwa cyo gushakisha aho abantu bakatiwe n'Inkiko Gacaca badahari baherereye/ Fugitive maping no gukora amaperereza y'ibanze ku madosiye y'abantu bari mu Rwanda.

**d) Imbonerahamwe igaragaza Commissions Rogatoires[3] zaje n'amadosiye zakozeho :**

| N° | Ibihugu | Inshuro zaje | Umubare wa dosiye zakozweho iperereza |
|---|---|---|---|
| 1 | FRANCE | 5 | 20 |
| 2 | NETHERLANDS | 5 | 1 |
| 3 | UK | 4 | 4 |
| 4 | BELGIUM | 7 | 18 |
| 5 | NORWAY | 1 | 1 |
| 6 | CANADA | 1 | 2 |
| **Igiteranyo** | | **23** | **46** |

**e) Imbonerahamwe igaragaza abagaruwe mu Rwanda:**

| № | Amazina | Igihugu cyamugaruye | Itariki yagerejwe mu Rwanda |
|---|---|---|---|
| 1. | MICOMYIZA Jean Paul alias MICO | SWEDEN | 27/04/2022 |
| 2. | RURANGWA Oswald alias RUKEMUYE | USA | 07/10/2021 |
| 3. | RUTUNGA Venant | Kingdom of the Netherlands | 31/07/2021 |

[3] **Commission rogatoire:** Ubufatanye mu iperereza

**f) Imanza z'abakekwaho gukora Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 bagaruwe mu Rwanda ziriho ziburanishwa mu mizi n'inkiko z'u Rwanda:**

| Nº | Dosiye | Aho yaturutse | Aho igeze |
|---|---|---|---|
| 1. | Dr. MUGESERA Leon | Canada | Iburanisha ry'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire ryarapfundikiwe, kuwa 25 Nzeli 2020 yakatiwe igifungo cya burundu |
| 2. | UWINKINDI Jean | ICTR | Kuwa 24 Ukuboza 2020 Urukiko rw'Ubujurire rwamukatiye igifungo cya burundu |
| 3. | MUNYAGISHARI Bernard | ICTR | Iburanisha ry'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire ryarapfundikiwe, kuwa 7 Gicurasi 2021 yakatiwe igifungo cya burundu |
| 4. | MBARUSHIMANA Emmanuel | Denmark | Kuwa 07 Ukwakira 2018 ku rwego rwa mbere (HCCI) yakatiwe igifungo cya burundu, ajuririra Urukiko rw'Ubujurire, urubanza rukaba rukiburanishwa. |
| 5. | NTAGANZWA Ladislas | ICTR | Kuwa 28 Gicurasi 2020 ku rwego rwa mbere (HCCI) yakatiwe igifungo cya burundu, ajuririra Urukiko rw'Ubujurire. |
| 6. | MUGIMBA Jean Baptiste | Kingdom of the Netherlands | Kuwa 30 Kamena 2021, yakatiwe igifungo cy'imyaka 25. |
| 7. | IYAMUREMYE Jean Claude | Kingdom of the Netherlands | Kuwa 30 Kamena 2021, yakatiwe igifungo cy'imyaka 25. |
| 8. | TWAGIRAMUNGU Jean | Germany | Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI) |
| 9. | TWAGIRAYEZU Wenceslass | Denmark | Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI) |
| 10. | NKAKA Ignace & NSEKANABO Jean Pierre | DRC | Bakatiwe igifungo cy'imyaka 10 buri wese |
| 11. | RUTUNGA Venant | Kingdom of the Netherlands | Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI) |
| 12. | MICOMYIZA Jean Paul | SWEDEN | Ruracyaburanishwa ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo |

**g) Imanza z'abakekwaho gukora Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 zaburanishijwe hanze y'inkiko z'u Rwanda:**

| No | Dosiye | Igihugu | Igihano |
|---|---|---|---|
| 1 | MUHAYIMANA Claude | France | Kuwa 16/12/2021 yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'ine (14). |
| 2 | BUCYIBARUTA Laurent | France | Kuwa 12/07/2022 yakatiwe igifungo cy'imyaka makumyabiri (20). |

### 3.2.4. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU N'IMARI BY'IGIHUGU

iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta 2019-2020 agakorwa ku kigero cya 100%, naho andi madosiye agakorwa nibura ku kigero cya 99% **(Reba umuhigo wa kane (4°)).**

**a. Amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu yafatiwe umwanzuro:**

| Ibyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyinguwe | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| Kurigisa cyangwa konona umutungo | 415 | 171 | 614 | 785 | 195 | 183 | 378 | 37 | 91.1 |
| Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo (Bribery) | 300 | 50 | 408 | 458 | 188 | 108 | 296 | 4 | 98.7 |
| Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu | 152 | 112 | 339 | 451 | 9 | 94 | 103 | 49 | 67.8 |
| Gutanga sheki itazigamiwe | 1,301 | 204 | 1,097 | 1,301 | 289 | 1,010 | 1,299 | 2 | 99.8 |
| Kwigwizaho umutungo | 16 | 5 | 17 | 22 | 6 | 6 | 12 | 4 | 75.0 |
| Ibyaha bijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta | 71 | 26 | 125 | 151 | 4 | 45 | 49 | 22 | 69.0 |
| Kutishyura umusoro wagenwe (Illegal exemption) | 43 | 17 | 58 | 75 | 1 | 24 | 25 | 18 | 58.1 |
| Kunyereza umusoro | 5 | | 5 | 5 | 2 | 2 | 4 | 1 | 80.0 |
| Gukoresha ububasha uhabwa n'Itegeko mu nyungu bwite | 11 | 1 | 15 | 16 | 10 | 1 | 11 | 0 | 100.0 |
| Iyezandonke | 7 | 2 | 9 | 11 | 3 | 1 | 4 | 3 | 57.1 |
| **Igiteranyo** | **2,321** | **588** | **2,687** | **3,275** | **707** | **1,474** | **2,181** | **140** | **94.0** |

- ★ ***NB:** Muri rusange, intego y'ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu yagezweho ku kigero **94**%;*

b. **Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu byaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu:**

| Icyaha | Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Kurigisa cyangwa konona umutungo | 204 | 93 | 331 | 424 | 147 | 57 | 72.1 |
| Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo (Bribery) | 192 | 44 | 292 | 536 | 154 | 38 | 80.2 |
| Isonera ritemewe n?amategeko | 6 | 3 | 11 | 14 | 2 | 4 | 33.3 |
| Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu | 21 | 11 | 54 | 65 | 8 | 13 | 38.1 |
| Kudasobanura inkomoko y'umutungo | 4 | 4 | 0 | 4 | 2 | 2 | 50.0 |
| Kutishyura umusoro wagenwe | 2 | 2 | 1 | 3 | 1 | 1 | 50.0 |
| Gutanga sheki itazigamiwe | 219 | 41 | 194 | 235 | 199 | 20 | 90.9 |
| Kunyereza umusoro | 14 | 8 | 32 | 40 | 13 | 1 | 92.9 |
| Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite | 6 | 0 | 8 | 8 | 5 | 1 | 83.3 |
| Icyaha cy'iyezandonke | 4 | 2 | 3 | 5 | 3 | 1 | 75.0 |
| **IGITERANYO** | **672** | **208** | **926** | **1,334** | **534** | 138 | **79.5** |

c. **Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi +Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2018-2019:**

- ✓ **Amadosiye yafatiwe umwanzuro hashingiwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2018-2019:**

| Ibigo n'inzego za Leta byagenzuwe | Ibigo n'inzego za Leta byakozweho iperereza | Amadosiye yafunguwe muri izo nzego | Amadosiye yizwe akara ngizwa | Amadosiye yaregewe inkiko | Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare | Ayashyinguwe | Asigaye atarafatirwa umwanzuro | Impuzandengo y' ibyakozwe n'Ubushinjacyaha (%) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 172 | 126 | 126 | 124 | 07 | 0 | 117 | 02 | 98.4% |

- ✓ **Ingano y'ihazabu yaciwe igatangwa**

Mu ikurikirana ry'ibivugwa muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, hari aho Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze ababigizemo uruhare bagomba gucibwa ihazabu. Iyo hazabu ikaba yaratanzwe hashingiwe ku ngingo ya 25 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.
***Note:*** *Muri iyi raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2018-2019 nta hazabu yaciwe.*

- ✓ **Ingano y'umusoro n'andi mafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta**

Mu ikurikirana ry'inenge zagaragajwe n' Umugenzuzi Mukuru w' Imari ya Leta, hari abo Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze hari imisoro batakase cyangwa andi mafaranga yagiye yishyurwa mu buryo budakwiye, maze busaba ababigizemo uruhare kuyishyura.

**Iyi ni imbonerahamwe igaragaza ingano y'amafaranga yinjiye mu isanduku ya Leta muri ubu buryo:**

| Umubare w'amadosiye | Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje | Ingano y'amafaranga yagaruwe mu isanduku ya Leta |
|---|---|---|
| 17 | 137 | 171,268,572 Frw |

**d. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2018-2019:**

- **Imiterere ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2019-2020:**

| Ibigo byagenzuwe | Ibigo byagombaga gukorerwa iperereza | Ibigo byakorewe iperereza | Ibigo bitarakorerwa iperereza |
|---|---|---|---|
| 175 | 170 | 109 | 61 |

- **Ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho kunyereza umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta:**

| Amadosiye yagombaga kwigwa | Ayaregewe inkiko | Ayashyinguwe | Ayakozwe yose hamwe | Ayasigaye | Ayakozwe ku ijana |
|---|---|---|---|---|---|
| 109 | 01 | 90 | 91 | 18 | 83.4% |

- **Imbonerahamwe igaragaza ingano y'ihazabu yatanzwe:**

| Umubare w'amadosiye yaciwemo ihazabu | Abatanze ihazabu | Ingano y'ihazabu yatanzwe |
|---|---|---|
| 01 | 05 | 1,350,000 |

- **Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta (Imisoro n'andi mafaranga byanyerejwe):**

| Umubare w'amadosiye | Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje | Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta nta rubanza |
|---|---|---|
| 03 | 28 | 1,101,458 FRW |

- ✓ **N.B:** Gusubiza amafaranga ntibibuza uregwa gukurikiranwa.

### 3.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE:

v. Kongera ikigero dutsindiraho imanza z'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage: **(Reba umuhigo wa gatanu (5°)).**

- **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA**

**a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye y'ibyaha by'inzaduka yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Icyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyi nguwe | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| Ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga (Cyber - crimes) | 535 | 141 | 486 | 627 | 230 | 294 | 524 | 11 | 97.9 |
| Gucuruza abantu | 10 | 10 | 6 | 16 | 1 | 7 | 8 | 2 | 80.0 |
| Iterabwoba | 1 | 1 | 11 | 12 | 1 | 0 | 1 | 0 | 100.0 |
| Iyezandonke | 7 | 2 | 9 | 11 | 3 | 1 | 4 | 3 | 57.1 |

**b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza z'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka bwaregeye Inkiko:**

| ICYAHA | Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga (Cyber - crimes) | 188 | 28 | 208 | 236 | 167 | 21 | 89% |
| Gucuruza abantu | 3 | 3 | 1 | 4 | 2 | 1 | 67% |
| **IGITERANYO** | **191** | **31** | **209** | **240** | **169** | **22** | **88.5%** |

- **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE**

✓ **Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina**

**a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Icyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyi nguwe | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| Gusambanya umwana | 4,651 | 151 | 4,509 | 4,660 | 2,254 | 2,350 | 4,604 | 47 | 99.0 |
| Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | 3,630 | 263 | 3,367 | 3,630 | 2,294 | 1,321 | 3,615 | 15 | 99.6 |
| Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato | 1,200 | 26 | 1,247 | 1,273 | 393 | 796 | 1,189 | 11 | 99.1 |
| **Igiteranyo** | **9,481** | **440** | **9,123** | **9,563** | **4,941** | **4,467** | **9,408** | **73** | **99.2** |


**b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina bwaregeye inkiko:**

| Icyaha | Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Gusambanya umwana | 2,353 | 71 | 2,390 | 2,461 | 1,518 | 835 | 64.5 |
| Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato | 354 | 10 | 391 | 401 | 242 | 112 | 68.4 |
| Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | 1,787 | 114 | 1,684 | 1,798 | 1,679 | 108 | 94.0 |
| **Igiteranyo** | **4,494** | **195** | **4,465** | **4,660** | **3,439** | **1,055** | **76.5** |

✓ ***NB:*** *Umuhigo wo kongera ikigero dutsindiraho amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura hejuru ya* ***85%****, ntabwo wagezweho.*

**c. Uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishyingiye ku gitsina yagiye yiyongera mu myaka 6 ishize (Nyakanga 2016 – Kamena 2022):**

| Umwaka | Gusambanya umwana | Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| 2016-2017 | 2,086 | 736 | 308 | 3,130 |
| 2017-2018 | 2,996 | 1,091 | 505 | 4,592 |
| 2018-2019 | 3,363 | 1,601 | 599 | 5,563 |
| 2019-2020 | 3,793 | 2,430 | 781 | 7,004 |
| 2020-2021 | 5,292 | 3,016 | 1,106 | 9,414 |
| 2021-2022 | 4,651 | 3,630 | 1,200 | 9,481 |




★ ***Note:*** *Bigaragara ko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishyingiye ku gitsina yikubye inshuro zirenga* ***3*** *mu myaka 6 gusa, yavuye ku* ***3,130*** *muri 2016-2017 agera kuri* ***9,481*** *muri uyu mwaka wa 2021-2022.*

**d. Ikigero cy'uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishyingiye ku gitsina Ubushinjacyaha bwagiye buyatsindiraho mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2016 – Kamena 2022):**

| Umwaka | Gusambanya umwana | Gusambanya ku gahato | Guhoza ku nkeke uwo mwashyingiranywe |
|---|---|---|---|
| 2016-17 | 81.9% | 72.7% | 95.7% |
| 2017-18 | 78.9% | 67.1% | 96.7% |
| 2018-19 | 73.0% | 70.6% | 93.7% |
| 2019-20 | 74.2% | 79.1% | 95.1% |
| 2020-2021 | 67% | 69% | 95% |
| 2021-2022 | 64.5% | 68.4% | 94% |

✓ ***Note:*** *Ikigero Ubushinjacyaha bustindiraho imanza z'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina kigenda kigabanuka cyane cyane mu myaka ibiri ishize bitewe no kwiyongera gukabije kw'aya madosiye*

- ✓ **Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo**

**a. Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Icyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyinguwe | Ayafatiwe umwanzuro yose | Ayasigaye | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| Ingengabitekerezo ya jenoside | 56 | 10 | 47 | 57 | 26 | 30 | 56 | 0 | 100.0 |
| Icyaha cy'ivangura | 89 | 25 | 69 | 94 | 44 | 45 | 89 | 0 | 100.0 |
| Icyaha cyo gukurura amacakubiri | 92 | 25 | 67 | 92 | 45 | 47 | 92 | 0 | 100.0 |
| Gupfobya jenoside | 22 | 6 | 17 | 23 | 12 | 10 | 22 | 0 | 100.0 |
| Guhakana jenoside | 15 | 4 | 12 | 16 | 11 | 4 | 15 | 0 | 100.0 |
| Guha ishingiro jenoside | 10 | | 10 | 10 | 9 | 1 | 10 | 0 | 100.0 |
| Kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye jenoside | 25 | 9 | 58 | 67 | 16 | 7 | 23 | 2 | 92.0 |
| Kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize jenoside | 1 | 1 | | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 100.0 |
| Gusenya, konona cyangwa gutesha agaciro urwibutso rwa jenoside cyangwa ahashyinguye imibiri y'abazize jenoside | 4 | | 4 | 4 | 3 | 1 | 4 | 0 | 100.0 |
| Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside | 173 | 61 | 122 | 183 | 95 | 77 | 172 | 1 | 99.4 |
| **Igiteranyo** | **487** | **141** | **406** | **547** | **262** | **222** | **484** | **3** | **99.4** |

b. **Uko ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye y'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo yasomwe n'inkiko:**

| Icyaha | Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Ingengabitekerezo ya jenoside | 63 | 17 | 79 | 96 | 45 | 18 | 71.4 |
| Ivangura no gukurura amacakubiri | 64 | 13 | 58 | 71 | 57 | 7 | 89.1 |
| Ihakana n'ipfobya rya jenoside yakorewe Abatutsi | 25 | 1 | 25 | 26 | 20 | 5 | 80.0 |
| Icyaha cyo gukurura amacakubiri | 29 | 8 | 35 | 43 | 27 | 2 | 93.1 |
| Guha ishingiro jenoside | 7 | | 7 | 7 | 6 | 1 | 85.7 |
| Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside | 128 | 46 | 93 | 139 | 101 | 27 | 78.9 |
| **Igiteranyo** | **316** | **85** | **297** | **382** | **256** | **60** | **81.0** |

★ ***Note:*** *Ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza z'ibi byaha cyariyongereye kuko umwaka ushize cyari kuri* ***76.9%.***

✓ **Ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo**

a. **Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Icyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyinguwe | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| Ubwicanyi | 794 | 162 | 1,190 | 1,352 | 622 | 158 | 780 | 14 | 98.2 |
| Kwihekura | 37 | 28 | 11 | 39 | 32 | 5 | 37 | 0 | 100.0 |
| Kwica umuntu bidaturutse ku bushake | 615 | 32 | 583 | 615 | 173 | 441 | 614 | 1 | 99.8 |
| **Igiteranyo** | **1,446** | **222** | **1,784** | **2,006** | **827** | **604** | **1,431** | **15** | **99.0** |

**b. Imanza zasomwe n'imyanzuro y'inkiko ku byaha by'ubwicanyi n'ibifitanye isano nabwo:**

| Icyaha | Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| Ubwicanyi | 523 | 115 | 814 | 929 | 450 | 73 | 86 |
| Kwica umuntu bidaturutse ku bushake | 179 | 16 | 169 | 185 | 173 | 6 | 97 |
| Kwihekura | 36 | 30 | 7 | 37 | 36 | 0 | 100 |
| **Igiteranyo** | **738** | **161** | **990** | **1,151** | **659** | **79** | **89** |

★ ***NB:*** *Umuhigo wo gukurikirana by'umwihariko ibi byaha, hongerwa ikigero dutsindiraho amadosiye kikagera nibura kuri* ***85%,*** *twawugezeho 100% kuko twayatsinze kuri* ***89%.***

✓ **Gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge**

**a. Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyi nguwe | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| 5,291 | 888 | 5,500 | 6,388 | 4,638 | 647 | 5,285 | 6 | 99.9 |

**b. Imanza zasomwe n'imyanzuro y'inkiko ku byaha byo gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge:**

| Imanza zasomwe | Abaregwaga muri izo manza | | | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze | Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Ikigero cyo gutsindiraho imanza |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| 1,043 | 207 | 1,342 | 1,549 | 1,006 | 37 | 96 |

### 3.2.6. IBYAGEZWEHO MU KUNOZA SERIVISE ZIHABWA ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO ABANTU BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO

**vi. Kunoza serivise zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificates), kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate) (Reba umuhigo wa gatandatu (6°)).**

Ku bufatanye n'Irembo, MINICT, RISA n'abandi bafatanyabikorwa, guhera mu kwezi k'Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certiificate) gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa (E-certificate) guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro y'Ubushinjacyaha Bukuru. Ibi bikaba bikomeje kugabanya umwanya n'ikiguzi byagendaga mu gushaka iki cyangombwa.

Kuva Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022, Ubushinjacyaha bwatanze ibyangombwa (Criminal Record Certificates) **191,809** bwinjiza mu isanduku ya Leta amafaranga **236,197,700 Frw.**

Muri uyu mwaka, mu rwego rwo kunoza iyi serivise, abantu **14,733** bakatiwe n'Inkiko binjijwe muri software ya Casier Judiciaire, mu rwego rwo kwirinda ko hari uwahabwa icyangombwa kiriho amakuru atari ukuri.

Ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), binyuze mu mushinga wa SMART NPPA, ubu hariho haravugururwa system ya Casier Judiciaire ku buryo ishobora guhererekanya amakuru na IECMS umuntu wese ukatiwe n'Inkiko akajya ahita agaragara muri system.

### 3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA

***vii. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99%; (Reba umuhigo wa karindwi (7°)).***

**a. Ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya byakiriwe n'uburyo byakemuwe:**

Mu mwaka wa 2021 - 2022 Ishami rishinzwe kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya ryakiriye ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya **2,900** baje bifuza guhabwa ubufasha bunyuranye; muri byo **2,891** byakemuwe burundu, **5** byoherejwe ahandi, **4** byari bigikurikiranwa mu mpera za Kamena 2022, ni ukuvuga ko **99.7 %** by'ibibazo byakiriwe byacyemutse.

- ★ ***N.B**: Umuhigo Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwihaye wo gukemura ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya bukaba* bwarawugezeho *100%.*

**b. Abatangabuhamya bashatswe:**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano Inkiko Mpuzamahanga cyangwa Ibihugu binyuranye biba byagiranye na Leta y'u Rwanda hagamijwe gukurikirana abanyabyaha batorotse ubutabera (fugitives), Ishami rishinzwe kurengera Abakorewe ibyaha n'Abatangabuhamya rifasha Commissions Rogatoires n'inzego z'Ubushinjacyaha kubona Abatangabuhamya baba bakenewe mu madosiye anyuranye.

**Imbonerahamwe igaragaza abatangabuhamya bashatswe:**

| Umubare wa Commissions Rogatoires zashakiwe abatangabuhamya | Umubare w'ama Dosiye | Abatangabuhamya ba Commissions rogatoires babarijwe imbere mu Gihugu | Abatangabuhamya boherejwe mu manza ziburanishiri zwa hanze y'Igihugu | Abatanze ubuhamya bwabo hakoreshejwe uburyo bw'iyakure (Video – conference) | Umubare w'abatangabuhamya bashyikirijwe Ubushinjacyaha n'Inkiko z'imbere mu gihugu |
|---|---|---|---|---|---|
| 23 | 34 | 1039 | 43 | 80 | 193 |

**c. Ibimenyetso by'inyongera byashatswe:**

| Expertise médicale | Attestation de naissance | Attestation de Décès | Autopsie | Attestation d'identite complete |
|---|---|---|---|---|
| 401 | 162 | 37 | 16 | 4 |

**d. Imbonerahamwe igaragaza ubufasha bunyuranye bwahawe abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya:**

| N° | Ubufasha bahawe | Umubare w'abahawe ubufasha |
|---|---|---|
| 1. | Abamenyeshejwe imiterere y'amadosiye yabo | **6102** |
| 2. | Abahawe ifunguro | **590** |
| 3. | Abavujwe n'abasabiwe Rapport medical | **334** |
| 4. | Abahawe amafaranga y'urugendo mu gukurikirana imanza zijyanye n'ihohoterwa bakorewe | **215** |
| 5. | Abacumbikiwe | **196** |
| 6. | Abashakiwe abunganizi | **182** |
| 7. | Abakorewe ubujyanama ku ihungabana bagize/counselling | **52** |
| 8. | Abashinganishijwe ku mpamvu z'umutekano | **9** |

**3.2.8. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2021-2022 :**

| No | Umuhigo | Igipimo (indicator) | Intego (target) | Ibyagezweho (achieveme nts) | % y'uko umuhigo wahiguweho |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye | Amadosiye yakozwe ku ijana | 99% | 99.4% | 100.4% |
| 2 | Kugabanya amadosiye Ubushinjacyaha buregera Inkiko | Ijanisha ry'amadosiye yaregewe Inkiko | 58% | 52.6% | 110% |
| 3 | Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho amadosiye bwaregeye inkiko | Conviction rate | 94% | 90.7% | 96.48% |
| 4 | Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze Igihugu. | Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 300 | 532 | 177.3% |
| 5 | Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta | Amadosiye yakozwe ku ijana | 100% (2019-2020) | 83.4% (2019-2020) | 83.4% |
| 6 | Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage | Ikigero cyo gutsindiraho amadosiye | 85% | 85.08% | 100% |
| 7 | Kunoza serivisi zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificate) | Gutangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate); | 100% | 100% | 100% |
| 8 | Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya | % y'ibibazo byakemuwe | 99% | 99.68% | 100.6% |
| **Ikigereranyo rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguriyeho imihigo ya 2021-2022** | | | | | **109%** |

## 3.3. IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2021 KUGEZA MURI KAMENA 2022

### 3.3.1. IBYAGEZWEHO MU BIRO BY'UMUSHINJACYAHA MUKURU

Mu rwego rwo gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha, nk'uko biteganywa n'Itegeko N°014/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare, mu ngingo yaryo ya 28, kuva Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022 Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama mpuzamahanga zitandukanye, akora ingendo mu bihugu bitandukanye ndetse anakira intumwa ziturutse hirya no hino muri urwo rwego:

- ✓ Kuwa 11 Kanama 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Umugenzuzi Mukuru w'Ubuyobozi bwa Leta muri Repubulika ya Angola n'itsinda bari kumwe. Impamvu y'uruzinduko kwari ukwigira ku Rwanda ubunararibonye mu kurwanya ibyaha bimunga ubukungu n'Imari by'Igihugu.

- ✓ Kuva kuwa 29 Kanama kugeza kuwa 1 Nzeli 2021, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama rusange ya 9 y'Ihuriro ry'Abashinjacyaha bo muri Afurika y'Ibirasirazuba (EAAP) yabereye Arusha muri Tanzania yari ifite insanganyamatsiko igira iti "combating wildlife crime as an economic/organised crime in eastern Africa".

- ✓ Kuwa 6 Nzeli 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye commission rogatoire yaturutse mu Gihugu cy'Ubwongereza, izanywe no gukora iperereza ku madosiye y'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bari muri icyo gihugu.

- ✓ Kuwa 20 Nzeli 2021, Umushinjacyaha Mukuru yagiranye inama na commission rogatoire yaturutse mu Gihugu cy'Ububiligi, baganira aho gukora iperereza ku madosiye y'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bari muri icyo gihugu bigeze.

- ✓ Kuwa 28-30 Nzeli 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye commission rogatoire yaturutse mu Gihugu cy'Ubufaransa n'Ubuholandi zizanywe no gukora iperereza ku madosiye y'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bari muri ibyo bihugu.

- ✓ Kuva kuwa 11-23 Ukwakira 2021, Umushinjacyaha Mukuru yagiriye urugendo rw'akazi mu Gihugu cy'Ubufaransa, aganira n'Abayobozi b'Ubushinjacyaha ku bufatanye bw'inzego zombi ku byerekeranye n'Ubutabera;

- ✓ Kuwa 26 Mutarama 2022, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Umushinjacyaha Mukuru w'Igihugu cya Zimbabwe Mr. KUMBIRAI Hodzi na Ambasaderi w'icyo Gihugu mu Rwanda Prof. Charity Manyekure, baganira ku ngamba zo gushimangira ubufatanye mu butabera, basangira n'ubunararibonye mu gukumira ibyaha.

- ✓ Kuwa 14 Gashyantare 2022, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye yakiriye anakorana inama n'Umushinjacyaha Mukuru wa IRMCT Dr. Serge Brammertz n'itsinda bari kumwe, baganira cyane ku ngamba zo guhiiga abakekwaho gukora jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 batarafatwa.

- ✓ Kuwa 26 Mata 2022, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Amategeko n'Ubutwererane muri Minisiteri y'Ubutabera n'Umutekano mu Bwami bw'Ubuholandi n'itsinda yari ayoboye, baganiriye cyane ku bufatanye mu kunoza itangwa ry'Ubutabera hagati y'Ibihugu byombi.

- ✓ Kuva kuwa 16 kugeza kuwa 20 Gicurasi 2022 Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye Inama Rusange Idasanzwe y'Ishyirahamwe ry'Abashinjacyaha bo muri Afurika y'Iburasirazuba yabereye i Mombasa-Kenya. Iyi nama yibanze ku kurebera hamwe buryo bunoze bwo guhangana n'ibyaha by'inzaduka n'ibyambukiranya imbibi muri Afurika. Iyi nama yanabaye umwanya wo guhuriza hamwe Abanyamuryango b'Ishyirahamwe ry'Abashinjacyaha bo muri Afurika y'Iburasirazuba n'Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Abashinjacyaha.

- ✓ Kuwa 20 Gicurasi 2022, mu izina rya ry'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije yakiriye Intumwa z'Urwego rw'Ubucamanza muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Sao Tome na Principe. Mu Ntumwa harimo Minisitiri w'Ubutabera Dr. Cilcio Santos, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umushinjacyaha Mukuru. Intego y'uru ruzinduko rwari ukunoza ubufatanye mu butabera no gusangira ubunararibonye ku mpande zombi. Wanabaye umwanya wo kwigira k'Ubushinjacyaha bw'u Rwanda uko bukoresha IECMS nk'uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwihutisha ikorwa ry'amadosiye.

- ✓ Kuwa 27 Kamena 2022, Umushinjacyaha Mukuru yagiranye inama na Perezida wa IRMCT Carmel Agius wari mu Rwanda mu ruzinduko rwo gusezera.

### 3.3.2. IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N'ABATURAGE NDETSE N'ITANGAZAMAKURU MU RWEGO RWO KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA NO GUKUMIRA IBYAHA

Kubera ingamba zo kwirinda icyorezo cya covid 19, mu rwego rwo kunoza imikoranire myiza n'abaturage ndetse no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa by'Ubushinjacyaha Bukuru, muri uyu mwaka hibanzwe cyane cyane mu gutegura ibiganiro byagiye binyuzwa ku ma radio na televiziyo.

Kuva Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022 Ubushinjacyaha bwateguye ibiganiro bitandukanye byanyuze ku radio na television byibanda cyane ku:

- Ubutabera mpuzamahanga no guhakana genoside;
- Uruhare rw'Ubuhorande mu butabera bw'u Rwanda
- Intambwe imaze guterwa mu gukurikirana abakekwaho kugira uruhare mu kunyereza umutungo w'Igihugu, by'umwihariko ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo;
- Ingamba zo kugaruza umutungo mu manza Leta yatsinze;
- Ibyagezweho mu gufatira umwanzuro amadosiye yaturutse muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
- Uruhare rw'Ubushinjacyaha mu gutanga Ubutabera ku bakorewe ibyaha n'ingamba zo kurinda ibimenyetso;

Hanateguwe ikiganiro n'Abanyamakuru/press conference, kibanda cyane ku bikorwa biteganijwe mu cyumweru cy'Ubucamanza cyabaye mu Kuboza 2021.

### 3.3.3. IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Duhereye ku igenamigambi ry'Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru ry'umwaka wa 2021-2022 , ubugenzuzi bwakoze ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

**a. Kwakira no gucyemura ibibazo by'abaturage bagana Ubushinjacyaha Bukuru:**

Muri uyu mwaka, Ubugenzuzi bwakiriye abaturage mirongo inani n'umunani (88), banahabwa ibisubizo.

**b. Ibibazo by'Abaturage mu nyandiko.**

Muri uyu mwaka, Ubugenzuzi bwakiriye amabaruwa magana abiri na mirongo inani n'umunani (288) aranasubizwa.

c. **Kugira inama Abashinjacyaha ku ikorwa ry'amadosiye**

Muri uyu mwaka abashinjacyaha bagiriwe inama ku mikorere y'amadosiye 53 bari bafiteho ibibazo.

d. **Gukora Iperereza ku myitwarire y'Abakozi b'Ubushinjacyaha no gushakira imyanzuro ibibazo byagaragaye**

Hakozwe iperereza ku bakozi batandatu (6), batatu (3) bashyikirizwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kugira ngo bafatirwe ibyemezo. Hasobanuwe amakosa y' Abashinjacyaha mu Nama Nkuru y' Ubushinjacyaha no muri Komisiyo yayo ishinzwe imyitwarire.

e. **Gutegura inyandiko itanga ikirego ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga/E-Indictment**

Nk'uko byagaragajwe haruguru, guhera mu mwaka wa 2015-2016 amadosiye Ubushinjacyaha bwakira yariyongereye bikabije, aho yavuye **25,453** agera ku **83,349** umwaka ushize wa 2021-2022, ndetse imibare ikaba igaragaza ko uyu mwaka wa 2022-2023 ashobora kurenga **103,404.**

Kimwe mu bisubizo kuri uku kwiyongera gukabije, kuva Nzeli 2021, Ubushinjacyaha bwatangiye umushinga wo gutegura inyandiko itanga ikirego ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga **(Electronic indictment/ E-indictment)** yitezweho kwihutisha ikorwa ry'amadosiye ikanafasha mu guhuza imikorere y'amadosiye mu Gihugu hose.

**Mu gutegura E-indictment hibanzwe cyane ku:**

- ✓ Gusesengura impamvu nyayo y'iyi E-indictment ariyo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye no guhuza imikorere y'amadosiye mu gihugu hose;
- ✓ Gusuzuma ingingo **527** ziboneka mu mategeko mpanabyaha **35** akoreshwa mu Rwanda;
- ✓ Gusesengura ibice bihuriweho (Common sections) ku byaha byose
- ✓ Gusesengura ibice byihariye (Particular sections) kuri buri cyaha mu byaha **157** byiganje cyane mu Rwanda (legal, moral and material elements);
- ✓ Aho bishoboka, kugena doctrine na jurisprudence kuri buri cyiciro cy'ibyaha byagaragajwe muri E-indictment

Uyu mushinga wo gutegura inyandiko itanga ikirego ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga (E-indictment) warangiye muri Werurwe 2022, muri Mata itangira gusobanurirwa Abashinjacyaha, Abacamanza n'Abagenzacyaha ndetse muri **Kamena 2022** itangira gukoreshwa mu Gihugu hose.

**f. Ibindi byakozwe mu Bugenzuzi**

- Hateguwe amabwiriza y'Umushinjacyaha Mukuru yerekeye ukumvikana kurebana no kwemera icyaha; arebana no gutanga ingwate, arebana no gutanga ihazabu nta rubanza; arebana no kwiyambaza impuguke n'arebana n'imikoreshereze y'ikoranabuhanga rikoreshwa mu gucunga dosiye z'Ubushinjacyaha Bukuru (IECMS).
- Hasuzumwe amadosiye y'abasabye ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe.
- Hatanzwe ibitekerezo ku mishinga y'amategeko : Umushinga w'Itegeko rihindura Itegeko riteganya ibyaha n' ibihano muri rusange, n'umushinga w'itegeko rihindura Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, muri LRC.
- Hateguwe inyandiko igaragaza imitunganyirize y'akazi mu Bushinjacyaha Bukuru;
- Gukusanya amakuru yo gukoresha mu bushakatsi ku kibazo cy'ubwiyongere bw'ibyaha;
- Hateguwe inyandiko igaragaza amakosa yakozwe n'abashinjacyaha n'abafasha b'Ubushinjacyaha yagaragaye mu mikorere y'amadosiye, anagaragarizwa abakozi hirya no hino mu Nzego z' Ubushinjacyaha. kugira ngo bayakosore.

### 3.3.4. IBYAGEZWEHO MU KWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Mu rwego rwo kwongerera ubushobozi abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru, kuva Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022, abakozi bagiye bitabira amahugurwa mu buryo bukurikira:

- Umuyobozi w'Ishami rishinzwe gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina no gukoresha ibiyobyabwenge, yitabiriye amahugurwa mu Gihugu cya Tanzaniya, ku ngamba zo kunoza iperereza no gufatira umwanzuro amadosiye y'ibyo byaha.
- Abashinjacyaha batatu (3) bahuguwe ku buryo bwo kurwanya ibyaha by'ubugome byambukiranya imipaka (Transnational Organized crimes);
- Kuva 30 Kanama kugeza 01 Nzeli 2021, Abashinjacyaha 19 (abagabo 6 n'abagore 13) bitabiriye amahugurwa ku ihohotera rishingiye ku gitsina no gukoresha ibibyabwenge.

- Kuva 01 - 03 Ukuboza 2021, Abakozi 11 (Abashinjacyaha n'Abafasha b'Abashinjacyaha) bitabiriye amahugurwa ku ihohotera rishingiye ku gitsina no gukoresha ibibyabwenge.
- Kuva 01-05 Ukuboza 2021, Abakozi 12 b'Ubushinjacyaha bongerewe ubumenyi ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ajyajye no kwambukiranya imipaka "convention on transboundary movement";
- Kuva 12 kugeza 15 Ukuboza 2021, Abakozi 16 (Abashinjacyaha n'Abafasha b'Abashinjacyaha) bitabiriye amahugurwa kuri Jenoside yabereye muri ILPD-Nyanza.
- Kuva 28 Werurwe kugeza 06 Mata 2022, Abashinjacyaha batatu (3) b'Ishami rishinzwe gukurikirana abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, bitabiriye amahugurwa y'iminsi 8 ku kugaruza imitungo yanyerejwe n'uburyo bwo gufatira imitungo ifitanye isano n'ikorwa ry'ibyaha, ayo mahugurwa yateguwe na OECD na GIZ.
- Kuva 13 kugeza kuri 16 Werurwe 2022, Abashinjacyaha 12 bahuguwe ku buryo bwo kunoza iperereza no gufatira umwanzuro amadosiye y'ibyaha by'iyezandonke (money laundering crimes).
- Kuwa 01 Nzeli 2021, binyuze mu mushinga uterwa inkunga na Ambasade y'Ubuholande mu Rwanda, ugamije kwongerera Abashinjacyaha ubushobozi mu gukurikirana abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ku bufatanye na NUFFIC, Abashinjacyaha babiri (2) batangiye kwiga icyiciro cya gatatu cya Kaminuza (Masters) mu mategeko mu Buholandi;
- Kuva 28 kugeza 30 Werurwe 2022, Abakozi 13 (Abashinjacyaha n'abafasha b'Abashinjacyaha) bahuguwe kuri tekinike zo kunoza ipereza ry'ibanze.
- Kuva 19 kugeza 21 Mutarama 2022, Abakozi 22 (Abashinjacyaha n'Abafasha b'Abashinjacyaha) bahuguwe ku mikoreshereze ya IECMS.

### 3.3.5. AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA

Kuva Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022, Ubushinjacyaha Bukuru bwinjije mu isanduku ya Leta **938,914,989 Frw** aturutse cyane cyane:

- Mu byangombwa bigaragaraza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko byatanzwe,
- Abantu banyereje amafaranga bemera kuyagarura ku bushake nta rubanza,
- Ihazabu ryaciwe nta rubanza;
- Amadosiye yaguzwe.

## 4. IMIHIGO YA 2022-2023

Muri uyu mwaka wa 2022-2023, Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye intego 6 z'ingenzi zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

| Nº | Umusaruro ku bikorwa uteganyijwe | Gihamya y'ikizakorwa | Ingano/Target |
|---|---|---|---|
| 1. | Gufatira umwanzuro amadosiye Ubushinjacyaha bwakiriye | Ijanishya (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 94% |
| | | Ijanisha (%) ry'amadosiye yaregewe Inkiko | 50% |
| | | Ijanisha (%) ry'abantu bakurikiranwa mu Nkiko bafunze | 40% |
| 2. | Kuburana imanza mu Nkiko | Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha bwatsinze (Conviction rate) | 91% |
| 3. | Gukurikirana abakekwaho jenoside bahunze Igihugu | Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 400 |
| 4. | Gukurikirana Abakekwaho kurigisa umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta | Ijanisha (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 100% ya raporo ya 2020-2021 |
| 5. | Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'izaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka ku buzima bw'abaturage | Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha bwatsinze (Conviction rate) | 86% |
| 6. | Gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya | Ijanisha (%) ry'ibibazo byakemuwe burundu | 98% |
| | | Ijanisha ry'abakorewe ibyaha bafashijwe gutanga ibirego by'Indishyi | Nibura 80% (Rape no Gusambanya abana) |
| 7. | Kunoza imicungire y'Umutungo (Umutungo wa NPPA + Ibyafatiriwe) | Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta | 1 (Clean Audit Report) |
| | | Raporo igaragaza Status y'ibyafatiriwe byose (Inventory report) | 1 (Final report) |

**Ibi Ubushinjacyaha Bukuru buzabigeraho bwifashishije:**

i. Gukomeza gushyira imbaraga mu ikoreshwa ry'Ikoranabuhanga cyane kuvugurura IECMS no guhugura abakozi muri IT, gukoresha inyandiko itanga ikirego ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga/e-indictment, kuvugurura systeme ikoreshwa mu kubika amakuru no gutanga icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko…;
ii. Kunoza ingamba zo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza cyane cyane iz'ibyaha byagaragaye ko aribyo byateye igabanuka ry'ikigero buzitsindiraho mu nkiko;
iii. Kugabanya dosiye ziregerwa Inkiko nk'uko amabwiriza atandukanye y' Umushinjacyaha Mukuru ubu abiteganya no kugabanya abakurikiranwa mu Nkiko bafunze;
iv. Gukomeza guhugura Abashinjacyaha ku mategeko mashya agenda avuka no kunoza imikurikiranire y'ibyaha by'inzaduka;
v. Kunoza ingamba zo guhangana n'izamuka ry'ibyaha bimwe na bimwe bikomeje gukabya kuba byinshi; nko gukubita no gukomeretsa, ubujura n'ibindi biza ku isonga, kugira ngo haboneke umwanya uhagije wo kurushaho gukora kinyamwuga.

## 5. UMWANZURO

Uyu mwaka urangiye wa 2021-2022, hashyizwe imbaraga nyinshi mu gufatira umwanzuro amadosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha Bukuru mu rwego rwo kurwanya ko hakongera kuvuka ibirarane, kuko nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa karindwi, mu madosiye **83,349** yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru, amadosiye **82,856** angana na 99.4% yafatiwe umwanzuro.

Muri uyu mwaka kandi hitawe ku kwongera ubwiza bw'amadosiye afatirwa umwanzuro, kuko mu manza **37,280** zasomwe n'Inkiko, **33,799** zingana na **90.7%** Ubushinjacyaha bwarazitsinze.

Ikindi cyitaweho cyane nk'uko bigaragara mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, ni ugukurikirana abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu, kuko uyu mwaka amadosiye **532** yafatiwe umwanzuro.

Uyu mwaka kandi hanafashwe ingamba zo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka n'ibyaha byihariye, cyane cyane ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu, ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina, gucuruza abantu, ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo ndetse n'ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo.

Mu rwego rwo kubahiriza icyerekezo Leta yihaye mu ntego za NST1, aho nibura 100% bya serivisi za leta zigomba kuba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga/online, ku bufatanye n'Irembo, MINICT n'abandi bafatanyabikorwa, mu rwego rwo kunoza serivisi guhera mu Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa (E-certificate) guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro by'Ubushinjacyaha Bukuru.

Muri uyu mwaka wa 2022-2023 Ubushinjacyaha Bukuru buzakomeza gushyira imbaraga mu kwihutisha akazi no kunoza serivisi buha abaturage, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego bwihaye no gufatanya n'izindi nzego kugera ku ntego za $NST_1$[4] na Vision 2050.

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru**

[4] $NST_1$: National Strategy for Transformation One